RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 03-08 Gicurasi



P9. Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 16 mu bahungu n'abakobwa mu irushanwa rya "ITF/CAT East African Junior Team's Championships for 14 & 16 & Under (AJTC)".

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 Umutoza w'ikipe y'Igihugu y'umukino w'amagare yasoje amahugurwa yo ku rwego rwo hejuru

P1 U Rwanda rwegukanye umwanya wa 4 mu irushanwa rya "East Africa Regional Table Tennis Championships 2022"

P2 U Rwanda rukomeje imyiteguro yo kuzitabira imikino ihuza ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Birmingham 2022 Commonwealth Games)

P3 Imikino ya shampiyona ibanza irimo kugana ku musozo muri Handball

P4 Uwiragiye Marc yatorewe kongera kuyobora RKWF

P5 APR FC iyoboye shampiyona "Primus National League" nyuma y'umunsi wa 26

P6 Shampiyona y'Igihugu y'imikino y'abakozi ba Leta n'Ibigo byigenga igeze ku munsi wa gatanu

P6 Imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Basketball yarakomeje

P7 Shampiyona ya Cricket irakomeje mu cyiciro cya 1 n'icya 2

P8 Hatangajwe urutonde rw'abakinnyi bagize ikipe y'igihugu ya Taekwondo izakina shampiyona ya Afurika

P9 Ikipe y' u Rwanda na Kenya zegukanye ibikombe mu batarengeje imyaka 14 na 16 muri Tennis

P10 NPC yateguye GMT 2022 hanasozwa umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Sitting Volleyball

P11 Amakuru y'Abanyarwanda bakina hanze

## CNOSR

# Umutoza w'ikipe y'Igihugu y'umukino w'amagare yasoje amahugurwa yo ku rwego rwo hejuru

Kuva taliki 25 kugeza 29 Mata 2022, umutoza w'ikipe y'Igihugu y'umukino w'amagare Sempoma Félix yitabiriye amahugurwa y'abatoza yo ku rwego rwo hejuru yabereye mu gihugu cya Senegal ku nshuro yayo ya 5.

Aya mahugurwa ategurwa n'Impuzamashyirahamwe ry'Amakomite Olempike y'Ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'Igifaransa. Ubusanzwe akaba abera mu gihugu cy'Ubufaransa ariko bitewe n'cyorezo cya COVID-19, kuri iyi nshuro akaba yarabereye muri Afurika.

Kugeza ubu, Komite Olempike y'u Rwanda ikaba imaze gufasha abatoza 4 kwitabira aya mahugurwa ari bo:

- Felix Sempoma: Ishyirahamwe ry'Umukino w'amagare
- Furaha Pascal: Ishyirahamwe ry'Umukino wa Tennis
- Karasira Eric: Ishyirahamwe ry'Umukino Ngororamubiri (Athletics)
- Mana Jean Paul: Ishyirahamwe ry'Umukino wa Volleyball

Komite Olempike y'u Rwanda ikaba ishishikajwe no gukomeza kongerera ubumenyi abanyamuryango bayo nko gushakira amahugurwa abayobozi n'abatoza b'Amashyirahamwe y'Imikino ndetse na programs zifasha abakinnyi gukomeza guteza imbere impano zabo.




## Table Tennis

# U Rwanda rwegukanye umwanya wa 4 mu irushanwa rya "East Africa Regional Table Tennis Championships 2022"

Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza mu irushanwa rihuza ibihugu byo muri Afurika y'Iburasirazuba mu mukino wa Table Tennis "East Africa Regional Table Tennis Championships 2022" yegukana umwanya wa 4 mu bagabo.

Iri rushanwa ryabereye i Addis Abeba muri Ethiopia kuva taliki 05 kugeza 08 Gicurasi 2022, ryitabirwa n'abakinnyi batatu b'u Rwanda ari bo Hahirwabasenga Didier, Niyonizigiye Eric na Ishimwe Francois Regis.

Ikipe y'u Rwanda yari mu itsinda rimwe na Uganda, Seychelles na Eritrea . Iyi kipe y'u Rwanda yatsinze Eritrea amaseti 3-1, itsinda Seychelles amaseti 3-1 nyuma itsindwa na Uganda amaseti 3-1.

Muri ½, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Mauritius amaseti 3-0 naho Ethiopia itsinda Uganda.

Ikipe ya Mauritius yegukanye igikombe itsinze Ethiopia naho ikipe ya Uganda yegukana umwanya wa 3 itsinze u Rwanda amaseti 3-2.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Mu bagabo, ikipe ya Mauritius yegukanye umwanya wa mbere, ikurikirwa na Ethiopia, Uganda n'u Rwanda ku mwanya wa 4 naho mu bagore, ikipe yegukanye umwanya wa mbere ni Ethiopia ikurikirwa Mauritius, Secychelles na Uganda ku mwanya wa 4.



# U Rwanda rukomeje imyiteguro yo kuzitabira imikino ihuza ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Birmingham 2022 Commonwealth Games)

Ikipe y'Igihugu izahagararira u Rwanda mu mikino ihuza ibihugu biri mu muryango ukoresha ururimi rw'Icyongereza (Birmingham 2022 Commonwealth Games) ikomeje umwiherero (training camp) by'umwihariko Niyibizi Emmanuel uheruka kwegukana imidali ibiri y'umuringa mu irushanwa ryabereye i Dubai ryitwa "2022 World Para Athletics Grand Prix - 13th Fazza International Para Athletics Championships", akaba ariho akorera imyitozo y'ibyumweru bibiri mu gihugu cya Afurika y'epfo (South Africa) mu gihe ikipe ya Swimming igizwe n'abakinnyi 4 (Eloi Maniraguha OLY, Irankunda Isihaka, Iradukunda Eric na Dusabe Claude) bariho bakorera imyitozo kuri Tennis Club i Nyarutarama.

U Rwanda rukaba rumaze kubona itike mu mikino 5 ikurikira: Athletics, Beach Volleyball (Abagabo), Cycling, Swimming na Para Athletics.

Iyi mikino "Birmingham 2022 Commonwealth Games" ikazabera mu gihugu cy'Ubwongereza kuva taliki 28 Nyakanga 2022 kugeza taliki 08 Kanama 2022, mu mujyi wa Birmingham.

U Rwanda kandi nka kimwe mu bihugu 54 bigize umuryango ukoresha ururimi rw'icyongereza (Commonwealth) kuva mu mwaka wa 2009, rukazitabira iyi mikino ku nshuro yarwo ya 4 kuva mu mwaka wa 2010 mu gihe izaba ibaye ku nshuro ya 22.



*Ikipe ya Swimming iri mu mwiherero kuri Tennis Club yasuwe n'abayobozi b'Ishyirahamwe ry'uyu mukino mu Rwanda, Perezida Madamu Pamela Girimbabazi Rugabira (Ibumoso ahahera) n'Umunyamabanga Mukuru Bwana James Bazatsinda (Iburyo ahabanza).*



*Niyibizi Emmanuel (Para Athletics) mu myitozo muri South Africa.*

# Imikino ya shampiyona ibanza irimo kugana ku musozo muri Handball

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 07 na 08 Gicurasi 2022, shampiyona y'umukino wa Handball yarakomeje hakinwa imikino cy'icyiciro cya mbere mu bagabo muri "League B", mu cyiciro cya mbere mu bagore "League A" ndetse na shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagabo "League A" yakiniwe mu Karere ka Rubavu.

Mu cyiciro cya mbere mu bagabo imikino ya shampiyona ibanza ikaba irimo igana ku musozo kuko muri "League A" hasigaye umukino umwe wa UR Huye na  Munyove HC naho muri "League B" hasigaye umukino wa ADEGI HC na UR-Rukara.

**Uko imikino yagenze**

**Icyiciro cya mbere mu bagabo**

**League B**
Gicumbi HBT 68-12 UR Rukara
APR HC 37-16 UR Rukara
Nyakabanda 34-20 UR Rukara

**Icyiciro cya mbere mu bagore**

**League A**
Three Stars 29-11 UR RUKARA
UR Rukara 06-27 GS Kitabi
ISF Nyamasheke 33-09 UR Rukara

**Icyiciro cya kabiri mu bagabo**

**League A**
Vision JN 19-18 UR Gikondo
UR Nyarugenge 26-14 UR Remera
UR Rusizi 18-22 UR Gikondo
UR Remera 07-16 UR Busogo
Vision JN 24-34 UR Nyarugenge



*GS Kitabi ikina na UR Rukara*




*APR HC  ikina na UR Rukara*

# Uwiragiye Marc yatorewe kongera kuyobora RKWF

Uwiragiye Marc wari usanzwe ari Perezida w'Ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda (RKWF) kuva muri 2017 yongeye gutorerwa indi manda y'imyaka itanu kugeza mu 2026.

Ku cyumweru taliki 08 Gicurasi 2022 ni bwo habaye inama y'Intego Rusange isanzwe ya RKWF ibera muri Centre Missionnaire Lavigerie mu mujyi wa Kigali. Muri iyi nama hemerejwemo inyandiko mvugo y'inama rusange ya 2019 bitewe n'uko ari bwo iyi nama yaherukaga guterana bitewe n'icyorezo cya COVID-19. Hagaragajwe kandi raporo y'ibikorwa byaranze RKWF muri iyi myaka itanu ishize 2017-2021 ndetse abanyamuryango banunguranye ibitekerezo ku itegeko shingiro n'amategeko ngengamikorere.

**Abagize Komite Nyobozi Nshya:**

- Perezida: Uwiragiye Marc
- Visi Perezida: Habiyambere Philbert
- Umunyamabanga Mukuru: Havugimana Emmanuel
- Umubitsi: Dushimiyimana Pauline

**Abagize Komite Nkemurampaka:**
Karengera Alphonse, Hakizimana Shaffy na Rwagasana John.

**Abagize Komite Ngenzuzi:**
Kalisa Eric, Muhawenimana Deo na Ndagijimana Fils.



*Uwiragiye Marc yatorewe kongera kuyobora Ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda (RKWF).*



*Bamwe mu banyamuryango bitabiriye inama y'inteko rusange y'Ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda (RKWF).*

# APR FC iyoboye shampiyona "Primus National League" nyuma y'umunsi wa 26

Ku munsi wa 26 wa Shampiyona y'umupira w'amaguru mu bagabo, Kiyovu SC yigabanyirije amahirwe yo kwegukana igikombe cyayo cya mbere mu myaka 29 inganya 0-0 na Bugesera mu gihe APR FC bahanganye yari yaraye itsinze.

Ni umukino wabaye ku cyumweru taliki 08 Gicurasi 2022 kuri Stade ya Kigali aho Kiyovu yarikeneye intsinzi ngo ikomeze kotsa igitutu APR FC iyiri imbere kugeza ubu ku rutonde rwa shampiyona.

**Imikino yabaye**

**Kuwa gatandatu taliki 07/05/2022:**

- Espoir 2-3 APR
- Etincelles 1-0 Musanze
- Gorilla 0-0 Rutsiro
- Mukura VS 2-2 AS Kigali
- Rayon Sports 2-2 Gicumbi

**Ku cyumweru taliki 08/05/2022:**

- Kiyovu SC 0-0 Bugesera
- Etoile de l'Est 2-0 Marine
- Gasogi United 3-0 Police FC

**Urutonde rwa Shampiyona 2021-2022:**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 26 | 60 |
| 2 | Kiyovu | 26 | 57 |
| 3 | Rayon Sports | 26 | 43 |
| 4 | AS Kigali | 26 | 41 |
| 5 | Mukura VS | 26 | 40 |
| 6 | Police FC | 26 | 36 |
| 7 | Musanze FC | 26 | 36 |
| 8 | Espoir FC | 26 | 33 |
| 9 | Etincelles FC | 26 | 31 |
| 10 | Marines FC | 26 | 30 |
| 11 | Gasogi United | 26 | 29 |
| 12 | Bugesera FC | 26 | 28 |
| 13 | Gorilla FC | 26 | 26 |
| 14 | Rutsiro FC | 26 | 25 |
| 15 | Etoile de l'Est FC | 26 | 23 |
| 16 | Gicumbi FC | 26 | 17 |

**Abamaze gutsinda ibitego byinshi**

1. SHABANI Hussein (AS Kigali): 13
2. NWOSU Samuel (Etoile): 10
3. HASSAN Djibrine (Gasogi): 9
3. BIGIRIMANA Abedi (Kiyovu SC): 9
4. ISHIMWE Fiston (Marine FC): 7



*Mukura VS ikina na AS Kigali*



*Gasogi United ikina na Police FC*



*Kiyovu SC ikina na Bugesera*

ARPST

# Shampiyona y'Igihugu y'imikino y'abakozi ba Leta n'Ibigo byigenga igeze ku munsi wa gatanu

Uko imikino ya shampiyona y'umunsi wa gatanu yagenze:

**Imikino yabaye taliki 06/05/2022**

**Football:**

- RBA 3-0 RDB
- RMS 0-3 REG
- WASAC 1-3 RBC
- UR 1-6 RSSB
- MIFOTRA 2-5 RMB
- MININFRA 1-0 BRD
- IPRC 4-1 MYCULTURE

**Volleyball:**

- Parlement 0-3 PRIMATURE
- MOD 3-0 NISR
- RRA 0-3 WASAC
- RWANDAIR 3-0 UR

**Imikino yabaye taliki 07/05/2022**

**Football:**

- SKOL 3-3 BRALIRWA

**Basketball:**

- BK 0-20 BPR
- BRALIRWA 54-82 I & M Bank
- STECOL 93-87 IHS



Basketball

# Imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Basketball yarakomeje

Mu mukino wa Basketball, mu mpera z'icyumweru gishije habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore aho imikino ibanza irimo kugana ku musozo.

**Mu bagabo**

**Taliki 04-05-2022**

30 Plus BBC 75-83 IPRC Kigali
Tigers BBC 78-84 Shoot for the Stars BBC

**Mu bagore**
**Taliki 06-05-2022**
IPRC Huye 101-27 UR BBC
UR CMHS 23-96 The Hoops

**Taliki 07-05-2022**

IPRC Huye 56-50 The Hoops
GS Marie Reine Rwansa 45-97 APR BBC



# Shampiyona ya Cricket irakomeje mu cyiciro cya 1 n'icya 2

**Uko imikino yagenze muri weekend ishize mu cyiciro cya mbere:**

**Mu bagore hakinwaga umunsi wa 5:**

Charity CC yatsinze Indorwa Women CC ku kinyuranyo cy'amanota 21.

Muri uyu mukino Charity CC yatsinze amanota 70 muri Overs 20 mu gihe abakinnyi 8 aribo basohowe n'Indorwa. Indorwa bo batsinze amanota 49 muri Overs 17 n'udupira 4, Charity yari imaze gusohora abakinnyi bose b'Indorwa (10 all out Weeckets). Marie DIANE BIMENYIMANA niwe wabaye umukinnyi mwiza w'umukino.

Undi mukino wahuje Indatwa Women CC na Sorwathe Girls CC, Indatwa Women CC yegukanye itsinzi ku kinyuranyo cy'abakinnyi 2 batasohowe mu kibuga (Indatwa Hamphshire CC won by 2 wickets).

Sorwathe niyo yatangiye ishyiraho amanota 69 muri Overs 20 mu gihe abakinnyi 7 ari bo basohotse. Ikipe y'Indatwa Hampshire CC ikaba yarabashije gukuraho agahigo kari kashyizweho na Sorwathe maze batsinda amanota 70 muri Overs 20 mu gihe abakinnyi 8 b'Indatwa aribo basohowe mu kibuga.

**Mu bagabo hakinwaga umunsi wa 8:**

Zonic Tigers CC yatsinze Telugu Royals CC ku kinyuranyo cy'amanota 66. Zonic Tigers yatsinze amanota 143 muri Overs 20 mu gihe Telugu yatsinze amanota 77 muri Overs 20. CHARLES Musemezi niwe wabaye umukinnyi mwiza w'umukino.

Mu mukino wakurikiyeho wahuzaga ikipe Challengers CC na Spartans CC ntiwabashije kurangira kubera imvura, umukino ukaba warahagaze Challengers yari imaze gushyiraho amanota 57 muri Overs 5 n'agapira 1.

**Uko imikino yo mu cyiciro cya 2 yagenze:**

**Mu bagore:**

Bugesera Dolphines CC yakinnye na Muhanga Zebra CC, BUGESERA itsinda ku kinyuranyo cy'inota rimwe. Bugesera Dolphines CC yari yatsinze amanota 50 muri Overs 20 mu gihe abakinnyi 7 aribo basohowe mu kibuga (7 Weeckets). Mu gihe ikipe ya Muhanga Zebra CC yashyiragaho amanota (Bowling) ntiyabashije gukuraho agahigo kari kashyizweho na Bugesera kuko muri Overs 10 n'udupira 5 ikipe ya Bugesera yari imaze gukuramo abakinnyi bose ba Muhanga Zebra CC (10 all out Weeckets). UWASE SABRINE niwe wabaye umukinnyi mwiza w'umukino.

Mu mukino wa kabiri wahuje aya makipe, ikipe ya Muhanga Zebra CC yigaranzuye Bugesera Dolphines CC maze iyitsinda ku kinyuranyo cy'amanota 45. ALEXIA TUYIZERE wa Muhanga Zebra CC niwe wabaye umukinnyi mwiza w'umukino.

**Mu bagabo:**

IPRC Kigali CC yatsinze Sorwathe CC ku kinyuranyo cy'amanota 47.

IPRC KIGALI yari yatsinze amanota 144 muri Overs 20, abakinnyi 5 nibo basohowe na Sorwathe (5 Weeckets). Sorwathe ntiyabashije kuyakuramo kuko muri Overs 20, IPRC yari imaze gusohora abakinnyi bose (all out Weeckets) Sorwathe ikaba yari imaze gushyiraho amanota 97 gusa. THEOPHILE NDAYISHIMIYE niwe wabaye umukinnyi mwiza w'umukino.



# Hatangajwe urutonde rw'abakinnyi bagize ikipe y'igihugu ya Taekwondo izakina shampiyona ya Afurika

Umutoza w'ikipe y'Igihugu ya Taekwondo, Master Jeong Ji-Man NTWALI yatangaje urutonde rw'abakinnyi 22 bagize ikipe y'Igihugu ya Kyorugi izakina shampiyona ya Afurika (African Senior Taekwondo Championships 2022), ahita anayiha umwambaro mushya wo gukorana imyitozo.

Ni nyuma y'amezi 4 Master Jeong Ji-Man NTWALI yari amaze akoresha imyitozo rusange, ari na yo yifashishije atoranya aba bakinnyi.

Abakinnyi batoranyijwe bagiye gutangira imyitozo yihariye, bakazajya bakora bataha, hanyuma muri Kamena 2022 bakazatangira umwiherero w'imyitozo (Training Camp). Mu cyumweru gitaha ni bwo hazatangazwa urutonde rw'ikipe y'igihugu ya Poomsae (imyiyereko).

Biteganyijwe ko aya makipe yombi (Kyorugi & Poomsae) azatangira umwiherero w'imyitozo mu ntangiriro z'ukwezi gutaha kugeza irushanwa ritangiye.

Muri iri rushanwa ry'Afurika (African Senior Taekwondo Championships 2022), ikipe y'u Rwanda ya Kyorugi izaba igizwe n'abakinnyi 16, iya Poomsae ikazaba igizwe n'abakinnyi 22.

Twabibutsa ko "African Senior Taekwondo Championships" izabera mu Rwanda guhera ku italiki ya 13 - 17/07/2022, ikazabera muri Kigali Arena.

**Urutonde rw'abakinnyi bahamagawe:**

**Abakobwa:**

1. UWAMAHORO Francine/Police Taekwondo Club
2. WIMURIZA Florence/Police Taekwondo Club
3. CYUZUZO Hyacente/Dream Fighters Taekwondo Club
4. NDACYAYISENGA Aline/Police Taekwondo Club
5. UMUTESI Adeline/Police Taekwondo Club
6. MUTONIWASE Kevine/Dream Taekwondo Club
7. UMUHOZA Adinette/Kigali Olympic Academy (KOTA)
8. UMURERWA Nadege/Police Taekwondo Club
9. UWASE Denise/Kigali Olympic Taekwondo Academy (KOTA)

**Abahungu:**

1. KAYITARE Benoit/Police Taekwondo Club
2. NIYINGIZE Jean de Dieu/Police Taekwondo Club
3. NIYOMUGABO Happy/Police Taekwondo Club
4. SEKANYAMBO Jean Paul/Kigali International Taekwondo Academy (KITA)
5. IYAMUREMYE Jackson/Dream Fighters Taekwondo Club
6. TUYISHIME Jules/Dream Taekwondo Club
7. NIZEYIMANA Savio/Police Taekwondo Club
8. MUNYAKAZI Vincent/Police Taekwondo Club
9. NTAGANDA Vincent/Unity Taekwondo Club
10. TWIZEYIMANA Moussa/Dream Taekwondo Club
11. SINAYOBYE Daël/Police Taekwondo Club
12. MUHIRE Boris/Police Taekwondo Club
13. MWEMEZI Cedrick/Police Taekwondo Club

**Abatoza:**

1. Master Jeong Ji-Man NTWALI (Head Coach)
2. Master Eugene NTAWANGUNDI (Assistant Coach)
3. Master Zura MUSHAMBOKAZI (Assistant Coach)
4. Instructor Pierre Celestin BIMENYIMANA (Team Manager)
5. Dr. Jean Bosco MPATSWENUMUGABO (Team Doctor)



# Ikipe y' u Rwanda na Kenya zegukanye ibikombe mu batarengeje imyaka 14 na 16 muri Tennis

Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 16 mu bahungu n'abakobwa naho Kenya yegukana igikombe mu batarengeje imyaka 14 mu byiciro byombi mu irushanwa ry'Akarere ka 4 muri Tennis "*ITF/CAT East African Junior Team's Championships for 14 & 16 & Under (AJTC)*".

Iri rushanwa ryatangiye taliki 04 kugeza 08 Gicurasi 2022, ryitabiriwe n'ibihugu 7 byo mu Karere ka 4 "Zone 4" birimo u Rwanda, Kenya, Tanzania, Uganda, Burundi, Comoros na Ethiopia. Imikino yakiniwe ku bibuga biri muri IPRC Kigali ndetse na Sitade Amahoro i Remera.

Ku munsi wa nyuma w'iri rushanwa, taliki 08 Gicurasi 2022, ikipe y'u Rwanda mu bahungu batarengeje imyaka 16 yegukanye igikombe itsinze u Burundi imikino 2-1. Ishimwe Claude yatsinze Abdulshakur Malik (Burundi) amaseti 2-0 (6-4 na 6-2), Hakizumwami Junior yatsinzwe na Gatoto Allan (Burundi) amaseti 2-0 (6-4 na 6-3).

Mu mukino bakina ari babiri, ikipe y' u Rwanda yari igizwe na Ishimwe Claude na Hakizumwami Junior batsinze Abdulshakur Malik na Gatoto Allan (Burundi), amaseti 2-0 (6-3 na 6-4). Muri iki cyiciro kandi, ikipe ya Kenya yatsinze Uganda imikino 3-0.

Mu bakobwa, ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe itsinze Kenya imikino 2-1. Ishimwe Carine yatsinze Reha Kipsang amaseti 2-0 (6-1 na 6-3) naho Tuyishime Rona atsindwa na Urasa Faith amaseti 2-0 (6-4 na 6-2). Bakina ari babiri, Annabelle Mbayu na Tuyishime Rona batsinze Reha Kipsang na Urasa Faith amaseti 2-0 (6-0 na 6-1).

Muri iki cyiciro habaye n'indi mikino aho Uganda yatsinze u Burundi imikino 3-0 naho Tanzania itsinda Comoros imikino 3-0.

Mu batarengeje imyaka 14, mu bahungu, Kenya yatsinze u Rwanda imikino 2-1, ikipe y'u Burundi itsinda Uganda imikino 2-1. Mu bakobwa Kenya yatsinz u Burundi imikino 3-0 naho Uganda tsinda u Rwanda imikino 2-0.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Mu bahungu batarengeje imyaka 16, ikipe y'u Rwanda yabaye iya mbere n'amanota 4 ikurikirwa n' u Burundi (3), Kenya (2), Uganda (1) na Tanzania (0). Mu bakobwa, ikipe yu Rwanda yabaye iya mbere n'amanota 5 ikurikirwa na Kenya (4), Tanzania (3), Uganda (2 ), Burundi (1) na Comoros (0).

Mu batarengeje imyaka 14 mu bahungu, Kenya yabaye iya mbere n'amanota 4, ikurikirwa n'u Burundi (3), Uganda (2), Tanzania (1) n'u Rwanda (0). Mu bakobwa, ikipe ya Kenya nho yabaye iya mbere n'amanota Kenya ( 4) ikurikiwe na Tanzania (3), Burundi (2 ), Uganda (1 ) n'u Rwanda (0).

Ikipe y'u Rwanda mu batarengeje imyaka 16 mu bahungu n'abakobwa ndetse na Kenya mu batarengeje imyaka 14 mu byiciro byombi zabonye itike yo kuzahagararira Akarere ka 4 "Zone 4" mu mikino y'Afurika "African Junior Teams' Championships 2022" izaba muri Kamena 2022 gusa aho izabera ntirahatangazwa.



# NPC yateguye GMT 2022 hanasozwa umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Sitting Volleyball

Taliki 07 na 08 Gicurasi mu Karere ka Rubavu hasorejwe umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Sitting Volleyball yatangiye tariki 28-29 ugushyingo umwaka ushize ikinwa muri phase enye.

Iyi Shampiyona yasozwaga ikaba yarahujwe n'irushanwa ngarukamwaka ryo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka 1994 by'umwihariko abari bagize umuryango mugari wa NPC.

Ikipe ya Gisagara yegukanye umwanya wa mbere mu bagabo itsinze umukino wa nyuma Gasabo amaseti 2-1 ( 16-25,25-23,15-13) mu gihe mu bagore ikipe ya Bugesera yisubije iki gikombe ifite kuva 2017 itsinze Gicumbi ku mukino wa nyuma amaseti 2-0( 25-19,25-21).

Ikipe ya mbere mu bagabo n'abagore yahembwe igikombe,imidali n'amafaranga ibihumbi 150.000, iya kabiri yahembwe umudali n'ibihumbi 100, iya gatatu ihembwa ibihumbi 80.000.

**Ibihembo by'abantu ku giti cyabo:**

**Abagore:**

- Best receiver:Umurisa Hoziana (Bugesera)
- Best attacker: Nyirambarushimana Sandrine (Bugesera)
- Best Blocker:Mugirwanake Louise(Gicumbi)
- Best Setter: Umutoni Clementine (Bugesera)
- Best server:Carine Kwizera (Bugesera)
- MVP: Sandrine Nyirambarushimana (Bugesera)

**Abagabo:**

- Best Libero: Mataratara (Gisagara
- Best blocker :Iraguha (Gisagara)
- Best Setter: Murema Baptiste (Gasabo)
- Best server:Iraguha(Gisagara)
- Best Attacker: Ngizwenimana Bosco (Gisagara)
- MVP Ngizwenimana Bosco(Gisagara)

Iri rushanwa ryabereye kuri Vision Jeunesse Nouvelle ryitabiriwe mu bagabo n'amakipe y'uturere 20, mu bagore ryitabirwa na makipe y'uturere 10.

Irushanwa rya GMT rikaba ritegurwa buri mwaka n'Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda ku nkunga ya Minisiteri ya Siporo na Komite Olempike y'u Rwanda hagamijwe Kwibuka abari bagize umuryango mugari wa siporo yaba abakinnyi, abatoza, abayobozi n'abakunzi b'imikino bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.





*Bugesera ikina na Gicumbi umukino wa nyuma.*

# Amakuru y'Abanyarwanda bakina hanze

## Cycling

Umunyarwandakazi NZAYISENGA Valentine ukinira ikipe yo mu Budage, Canyon-SRAM Generation yakinnye isiganwa mu gihugu cya Espagne ryitwa Vuelta Ciclista Andalucia Ruta Del Sol ndetse afasha mugenzi we Ricarda BAUERNFEIND kubona umwanya kuri podium.

Iri siganwa ryakinwaga ku nshuro ya mbere ryabaye kuva taliki ya 03/05 risozwa taliki ya 05/05/2022, ryegukanwa n'umunya Espagne, Arlenis SIERRA ukinira ikipe ya Movistar, wakoresheje 8:41:56.

BAUERNFEIND ukinana na Nzayisenga yabaye uwa gatatu asigwaho amasegonda 15. Ku ruhande rwa Nzayisenga yasoje ku mwanya wa 38.



*NZAYISENGA Valentine (ibumoso) n'ikipe ye ya Canyon-SRAM Generation.*

## Football

Myugariro mpuzamahanga w'Umunyarwanda ukinira mu gihugu cya Morocco, Manzi Thierry yatsinze afunguye amazamu igitego kimwe muri bitatu ikipe ya FAR (Forces Armées Royales) yatsinzemo Rapide Oued Zem 3-1 ku wa gatandatu taliki 07/05/2022. Iyi ntsinzi yafashije FAR kugira amanota 35, ikaba ari iya gatatu irushwa 14 na Wydad ya mbere, mu gihe hasigaye imikino irindwi ngo Shampiyona ya Marocco isozwe. Manzi Thierry akinana na Imanishimwe Emmanuel, bombi bakina bugarira.

Undi myugariro w'Umunyarwanda uhagaze neza ni Emery Bayisenge ukinira Saif SC yo mu cyiciro cya mbere muri Bangladesh.
Ku wa gatandatu taliki 07/05/2022 Saif yatsinze Sheikh Russel 1-0 mu mukino Bayisenge yakinnye. Kugeza ku munsi wa 14, Saif ni iya kane ku rutonde rwa Shampiyona, irushwa amanota 11 na Bashundhara Kings ya mbere ifite 35.

Mu cyiciro cya kabiri muri Portugal, undi myugariro MUTSINZI Ange yagize uruhare mu ntsinzi ikipe ye ya Clube Desportivo Trofense yatsinzemo Académica 2-1. Muri iyi Shampiyona bamaze gukina imikino 33, Trofense ifite amanota 37 ndetse ikaba yaramaze kwizera kuguma mu cyiciro cya kabiri, mu gihe basigaje umukino umwe.



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave